# AGATABO K'AMAKURU KAGENEWE

# ABYANYESHURI B'ICYONGEREZA

URUGARYI RWA 2024




Intego yacu ni ugukora ku buryo abanyeshuri b'Icyongereza buzuza ibisabwa na Gahunda y'Uburezi itajenjetse hatangwa amabwiriza areba amasomo y'ururimi akanaha agaciro ururimi rw'abanyeshuri bacu n'imico yabo.

## AMATARIKI Y'INGENZI

21 Ukwakira: Nta masomo ahari; Nta masomo yo gukora porogaramu za mudasobwa ahari

31 Ukwakira: Kwiga IGICE cy'umunsi, Nta masomo yo gukora porogaramu za mudasobwa ahari

5 Ugushyingo: Nta masomo ahari; Nta masomo yo gukora porogaramu za mudasobwa ahari

27-29 Ugushyingo: Nta masomo ahari; Nta masomo yo gukora porogaramu za mudasobwa ahari

Babyeyi,

Muhawe ikaze mu mwaka w'amashuri wa 2024-2025! Turizera ko umuryango wawe wagize intangiriro nziza kandi ishimishije y'umwaka w'amashuri. Porogaramu y'Abanyeshuri b'Icyongereza yiyemeje gukomeza kuguha amakuru mashya, kandi tuzakohererereza udutabo tw'amakuru inshuro eshatu muri uyu mwaka. Utu dutabo tw'amakuru tuzaguha amakuru y'ingenzi mashya, ibintu bizababaho, n'ibikoresho by'agaciro bizafasha umwana wawe mu rugendo rwe rwo kwiga.

Tugushimiye ko watwemereye gufatanya nawe mu burezi bw'umwana wawe. Twizeye kuzagira umwaka wo gutsinda no kunguka byinshi.

Murakoze,
Itsinda Rishinzwe Abanyeshuri b'Icyongereza



DR. MAYDA BAHAMONDE-GUNNELL
Umuyobozi Nshingwabikorwa Ushinzwe Ubumenyi Bwimbitse bw'Indimi Ebyiri,Kuva mu Rurimi Rumwe ujya mu Rundi , EL, Uburinganire mu Masomo Yigishwa

Heather Quamme I EL Coordinator
Van Do I Umwarimu Udahoraho w'Indimi Ebyiri
Jiji Lusamba I EL, Umuhuza w'Ababyeyi b'Impunzi n'Umuryango mugari
Lea Tobar I Guhza Ababyeyi

616.819.1129

616.819.1129

GRPS.org/english-learners

## Uburyo Butandatu bwo Gufasha Umwana Uvuga Indimi Ebyiri:

### Gusomera Hamwe Buri Munsi

Gusoma mu rurimi urwo ari rwo rwose byongera ubumenyi bwo gusoma no kwandika bukoreshwa hagati y'indindi mu buryo bworoshye. Muganire ku nyunguramagambo nshya cyangwa zidasanzwe kugira ngo wagure ubushobozi bw'umwana wawe mu rurimi.

### Gushyiramo Umuziki

Indirimbo zo mu rurimi urwo ari rwo rwose zitanga ibyishimo n'uburyo bwo gukoresha mu kumenya ijambo rishya. Umuziki ushobora kuba igikoresho gikomeye cyo gukuza ururimi.

### Gutekera hamwe

Guteka bitanga amahirwe yo kugira ikiganiro cyimbitse n'amasomo y'ubuzima afite akamaro. Ni uburyo bwiza bwo guhuza no kubaka ubumenyi bw'ururimi binyuze mu bikorwa bya buri munsi.

### Gushyigikira Umukoro wo mu rugo

Imigirire ihoraho iremera umwana wawe umwanya wo kwiyemeza kurangiza umukoro we wo mu rugo. Kabone nubwo waba utazi ibikubiyemo, kugaragaza ubushake no kumutera ishyaka ry'imigirire myiza bishobora gufasha imyigire ye.

### Komeza Kvugana n'Abarimu

Ni ingenzi kuvugana n'umwarimu w'umwana wawe mu buryo buhoraho. Ntushidikanye kubaza ibibazo cyangwa kumusangiza amakuru y'ingenzi. Amashuri kenshi atanga serivisi z'ubusemuzi bw'inyandiko n'ibiganiro mu rwego rwo gufasha iki gikorwa kugenda neza.

### Komeza Kwigira mu Mikino

Shishikariza umwana wawe gukina, gusohokana n'abandi, no kuganira na bo. Iyo kwiga byishimiwe, bikorwa mu buryo bw'umwimerere!

## Isubiramo rya Gahunda zo mu Mpeshyi

Iyi mpeshyi, Ishami Rishinzwe Abanyeshuri b'Icyongereza ryashyizeho gahunda zitandukanye zo kwiyungura ubumenyi mu rwego rwo gufasha abanyeshuri bacu gukura mu rurimi, gusoma no kwandika, n'imibare.

Ubumenyi Bwimbitse bw'Indimi Ebyiri: Abanyeshuri biga mu ndimi ebyiri bo mu mwaka wa (K-6) muri Southwest bitabiriye gahunda y'ishuri yo mu mpeshyi yagenewe abanyeshuri biga mu ndimi ebyiri yabereye ku Ishuri Ribanza rya Burton. Gahunda yazamuye ubumenyi bw'Icyongereza n'Icyesipanyolo mu Bugeni bw'Ururimi rw'Icyongereza n'Imibare.

Amasomo yo mu Mpeshyi Agenewe Abanyeshuri Bashya: Abanyeshuri bashya bafite imyaka y'ubukure 15 n'abayirengeje bakomeje urugendo rwabo rwo kwiga mu Ishuri Ryisumbuye rya Southwest Middle, bibanda ku gusoma, kwandika, imibare n'ubumenyi bw'indimi kandi banakorera amanota y'igihembwe cya kabiri.

Kwagura Amasomo y'Ururimi rw'Icyongereza: Abanyeshuri bo mu mwaka wa K-8 bakeneye ubundi bufasha mu rurimi, gusoma no kwandika, n'imibare bahawe amabwiriza yihariye ya gahunda yo Kwagura Amasomo y'Ururimi rw'Icyongereza. Iyi gahunda yarushisheho gushishikaza abanyeshuri mu rwego rwo kubafasha gutsinda cyane mu ishuri.

Amasomo yo mu Mpeshyi Agenewe Abimukira: Abenyeshuri b'abimukira mu mu mwaka wa (K-8) bakuye ubumenyi mu masomo yo mu mpeshyi yatangiwe ku Ishuri Ribanza rya Burton, bahuza amasomo ya mu gitondo n'aya nyuma ya saa sita yo kubafasha kongera ubumenyi bwabo no kubategurira kujya mu mwaka utaha.

Izi gahunda zagize uruhare rukomeye mu gutuma abanyeshuri bacu bakomeza gushishikara kandi biteguye gutsinda mu mwaka w'amashuri mushya. Dutewe ishema n'intambwe bateye kandi twizeye kubakira kuri uyu muvuduko!

## Izindi Aderesi

**Gukora ingendo:**
616.819.6000 | transportationconcerns@GRPS.org

**Serivisi z'Amafunguro:**
616.819.2135 | GreeneP@GRPS.org

**Abakorerabushake:**
616.819.1821 | Volunteer@GRPS.org

**Uruhare rw'Ababyeyi n'Umuryango mugari:**
616.819.2867 | Parents@GRPS.org